URUZINDUKO RWA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI Anaclet MWUMVANEZA MURI PARUWASI KIBINGO Kuwa 30-31/07-01/08/2016

Ku itariki ya 30/07/2016 ku isaha ya saa 8h00' za mugitondo nibwo umwepiskopi wa Diyosezi ya nyundo yari akandagiye ku butaka bwa Paruwasi Kibingo. Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yakiriwe n'Abasaseridoti, Fratri, Abihayimana n'abakristu benshi ba Paruwasi ya Kibingo. Bamweretse ko bamwishimiye muri Paruwasi yabo, bose bajya mu Kiliziya bakira Umugisha w'Umwepiskopi.

Nyuma yo guha Abakristu Umugisha, Umwepiskopi yakomereje muri centrale ya Jarama, imwe mu macentrale 3 agize paruwasi Kibingo. Umwepiskopi yari kumwe n'abapadiri na Diyakoni. Abakristu b'iyi centrale bakiranye ibyishimo byinshi Umushumba wa Diyosezi, abaturira Igitambo cy'Ukaristiya, barangije bamwereka imiterere y'iyi centrale ! Hakurikiyeho ibirori n'ubusabane, maze bamuha intama yari ifite byinshi ishushanya ku Mushumba uri mu ntama ze !

Mu ijambo ryavuzwe n'umukuru wa centrale ya Jarama yagaragaje uko centrale iteye anashimira byimazeyo uru ruzinduko rudasanzwe iwabo dore ko ari ubwa mbere babonye Umwepiskopi ku butaka bwa centrale yabo. Yaragize ati :

"Nyiricyubahiro Mgr, tubakiranye ubwuzu n'urugwiro ndetse n'ibyishimo bisaze imitima yacu, kuba mwigomwe indi mirimo mukaza gusura paruwasi yacu ya Kibingo by'umwihariko mukaza hano muri centrale yacu ya Jarama. Nyiricyubahiro Musenyeri, iyi centrale mwasuye yashinzwe mu mwaka w'i 1968. Hari abapadiri RWESANDEKWE Tharcisse na Padiri GASIGWA Modeste. Ikaba iherereye mu majyepfo ya paruwasi yacu ya Kibingo kandi igahana imbizi na paruwasi ya Hanika ibarizwa muri Diyosezi ya Cyangugu.

Centrale Jarama yararagijwe Mutagatifu Luka, ikaba igizwe n'inama eshanu arizo : Jarama, Mbogo,Cyiya,Gitsimbwe,na Gisheke. Iyi centrale ikaba igizwe n'imiryango-remezo makumyabiri (20).

Nyiricyubahiro musenyeri, Mbere y'amateka mabi yaranze igihugu cyacu, ubwo hakozwe jenocide yakorewe abatutsi mu w'1994, hicwa imbaga nyamwinshi y'abantu bazira uko baremwe, centrale jarama yari igizwe n'inama icyenda, ubu ifite abakristu 882. Centrale yacu ifite ibigo by'amashuri abanza 4 : Jarama,Mbogo, Nyamure na Gihombo. Ifite kandi poste de Santé ya Jarama yatworohereje urugendo rwo kujya kuri centre de santé ya Kibingo, nubwo ari ntoya kandi ikaba idatunganyije neza.

Nyiricyubahiro Musenyeri, mwasuye Centrale Jarama, ariko aha ni kuri chapele y'inama ya Gitsimbwe duteraniye. Nyiricyubahiro Musenyeri abakristu dufite ibyishimo byinshi byo kababona muri centrale yacu cyane ko ari ubwa mbere umushumba wa Diyosezi asuye abakristu muri centrale. Nyiricyubahiro Musenyeri, abakristu ba centrale ya Jarama, ntibasigaye inyuma mu iterambere. Nyuma y'uko chapele isenywe batangiye kubaka chapele nshya ku cyicaro cya centrale igeze igihe cyo gusakarwa irahirima. Nyuma dutangira indi nyubako hari kugira ngo itworohereze, nayo ntiyabasha kuzura kubera igikorwa cya fibrosima twabanje gukura kuri kiliziya iherereye kuri Paroisse.

Nyiricyubahiro Musenyeri, turangije tubashimira ishyaka n'ubutwari mufitiye kiliziya natwe tubijeje ko tugiye kuba abanyampuhwe nka Data wo mu Ijuru."

CENTRALE FUMBA

Nyuma yo kujya muri Centrale ya Jarama mbere ya saa sita, Nyiricyubahiro Musenyeri yakomereje uruzinduko rwe muri centrale ya Fumba, asanga abakristu bamutegereje bishimye cyane! Naho basangira Igitambo cy'Ukaristiya yabaturiye muri Chapelle yabo, berekana ibirori ndetse n'ubusabane nawe kugeza umunsi uciye ikibu. Mu biganiro by'uyu munsi dore uko umuyobozi wa centrale ayigaragaza:

"Nyiricyubahiro Musenyeri bashyitsi bavandimwe mwagendereye centrali ya Fumba yiragije mutagatifu Mariko, iyi centrale ituranye na paruwasi Gisovu haruguru aha mureba, hakurya ni paruwasi ya Mubuga. Twambutse hakurya y'iriya misozi ni muri Diyosezi ya cyangugu paruwasi ya Hanika. Iyi centrale ifite inama 4 imiryango remezo 13, abakristu 882.

Ni centrale yubatswe kubutaka twakebewe na sushefu Sahaha wari umukristu Gatolika ahagana 1947 ubwo himukiraga ishuri ry'ubwenge ryari I muramba ariko bagasanga ari hato. Nyuma yaho kibingo ibereye Paruwasi ibyawe na Missioni ya Mubuga 1959, padiri wa mbere wari uhawe iyi paruwasi MINYAGO Eloyi yaje kuhasura, ubwo hatangirana na gahunda y'ishuri ry'ikibeho ritegura abitegra guhabwa amasakaramentu na Cristini Rweru.

Ni centrale ifite amateka kuko ubwo hashingwaga Paruwasi ya Gisovu twigomwe inama ebyiri: inama ya Gisovu n'inama ya Gomba.

Centrale ya Fumba irakomeza igaca n'agahigo kuberako ari nayo ifite umukristu wabatijwe bwa mbere adatereye Mparebatisimu(umusozi abakristu batereraga bajya guhabwa amasakramentu ku mubuga)

Mu mibanire n'andi madini ni centrale iri hagati y'amadini menshi: ku irembo, mu gikari haruguru no hepfo. Ariko tugakomezwa n'indirimbo y'imihigo y'abavandimwe aho igira iti: turi abakristu turi abavandimwe ikongera iti: kubica hirya ni ugutana ari nabyo biturinda gutana ngo dutwarwe n'inzaduka zateye ubu!

Mu burezi, centrale ya Fumba ibarirwamo ibigo by'amashuri 3: ishuri ribanza rya Giko irya Nyagatare, na 12YBE ya Fumba dutaramiyeho ubu ng'ubu. Ni amashuri yo mucyaro adafite iterambere rindi rihanitse kuko nta narimwe rifite amashanyarazi."

Mu izina ry'abandi bakristu umuyobozi w'iyi centrale yamuhaye ifoto yayo ngo ajye ayihoza ku mutima Nk'Umushumba mwiza!

Nyuma y'uru ruzinduko rw'Amacentrale 2 ya Paruwasi Kibingo, Nyiricyubahiro Musenyeri yatahanye n'Abasaseridoti mu rugo rwabo. Mu gitondo ku itariki ya 31/07/2016 wari umunsi udasanzwe kuko Umwepiskopi yari yifuje kwizihiriza hamwe n'Abakristu ba Paruwasi Kibingo ibirori by'Umunsi mukuru wa Paruwasi: "Bikira Mariya Umubyeyi umara intimba abayifite", akakira Abasaseridoti bahawe imirimo mishya muri iyi Paruwasi: Padiri Mukuru NKURUNZIZA Thaddée, Padiri DUSENGUMUREMYI Jean Claude n'Umufaratiri UFITIMANA Thémistocles. Baboneyeho no kwakira impano idasanzwe y'Ubudiyakoni bw'umwana wa Paruwasi; Diyakoni KWIZERA Jean Marie, maze banishimira byimazeyo Padiri MUSABYIMANA Thaddée uvuka muri iyi paruwasi wizihizaga isabukuru y'imyaka 12 aherewe ubupadiri muri iyi Paruwasi. Mu byishimo byinshi bakira Umwepiskopi babikuye ku mutima.

Ibirori by'uyu munsi byari byitabiriwe n'abayobozi batandukanye, aho umushyitsi mukuru yari Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke KAMALI Fabien wanashimye cyane umubano n'ubufatanye bwa Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda na Kiliziya Gatolika mu guteza imbere Abanyarwanda!

Umuyobozi wa comite nyobozi ya Paruwasi yagaragaje uko Kibingo iteye, anagaragaza ibyishimo atewe n'uyu munsi:

"Uyu munsi ku itariki 31 Nyakanga 2016 ni umunsi ukomeye muri Paruwasi yacu. Ni umunsi w'uruhurirane rw'ibyiza.

-Turakira nyiricyubahiro Musenyeri, Anaclet Mwunvaneza Umushumba wa Diyosezi yacu ya Nyundo, muri Paruwasi yacu. Ni ubwa mbere adusuye kuva aho aherewe inkoni y'ubushumba kuwa 21 Gicuransi 2016.

-Turakira tunishimira Padiri mukuru mushya wa Paruwasi yacu ya Kibingo, Thaddée NKURUNZIZA

-Turakira Padiri mushya nanone uje gufatanya na we ubutumwa muri iyi Paruwasi, Padiri Jean Claude DUSENGUMUREMYI.

-Turakira ingabire y'ubudiyakoni y'umuvandimwe n'umwana wacu uherutse gutorwa Jean Marie Kwizera.

- Turizihiza umunsi mukuru wa Paruwasi yacu yiragiza Bikira Mariya Umubyeyi umara intimba abayifite.

Ubundi uyu munsi wizihizwa tariki 24 Gicuransi buri mwaka ariko twarabihuje kugira ngo dufatikanye namwe kuwizihiza kuri uyu munsi. Ku bwibi byose rero ndabasaba dushime Imana yabitugejejeho tuyiha amashyi n'impundu.

Nyiricyubahiro musenyeri, Paruwasi Kibingo Ni imwe mu zigize Diyosezi ya Nyundo ihana imbibi na Paruwasi ya Hanika yo muri Diyosezi ya Cyangugu, iburasirazuba hari Paruwasi ya Gisovu, amajyaruguru hari Paruwasi ya Mubuga, ariyo itubyara, naho iburengerazuba hari ikiyaga cya Kivu.

Igizwe n’amacentrales 3: -Kibingo

-Fumba

-Jarama

Ifite nama 18 n’imiryango-remezo ni 63 igizwe n’abakristu basaga 2 358

Iyi Paruwasi yashinzwe mu 1959 na Musenyeri Aloys Bigirumwami. Ayiragiza Umubyeyi “Bikiramariya umara intimba abayifite”. Ayishinga umupadiri wera Eloi MINYAGO, guhera ubwo abakristu ba Kibingo baba baruhutse urugendo rurerure bakoraga bajya kumvira Misa ku Mubuga. Kibingo yavutse ibyawe na Paruwasi ya Mubuga.

Paruwasi Kibingo yavutse mu bihe bibi by’imidugararo y’1959. Ayo mateka benshi turayazi, koko iba iyo kumara intimba kubari bayifite. Twakomeje kubona abaseseridoti benshi bagiye batugwanaho kugera mu 1994 ubwo genocide yakorewe abatutsi yabaga. Ubwo muri Kibingo byabaye bibi cyane; genocide itumaraho abantu, abihayimana, abapadiri n’ababikira baragenda, Kibingo irasenyuka; haba mu matongo. Intama zisigaye ziratatana bamwe imitima yarahabye. Nyuma Kibingo yongeye kubona umupadiri uhaba bityo Kibingo itangira kongera kwiyubaka dore ko yari yakubititse, abakristu babarirwa mubihumbi 19 000 noneho ubu hakaba hari 2300 ariko Kibingo ntiyaheranywe n’ibyayibayeho ubu turatuye, turatuje, dufite n’icyerekezo cy’iterambere kuri roho no ku buzima bw’umubiri.

Nyiricyubahiro musenyeri, turakora hari icyizere dufatanyije n’abaseserdoti muduha ndetse namwe ubwanyu twashoboye kubahiriza gahunda za leta zo gukuraho Fibro sima. Izi nzu zikikije Kiliziya, nayo ubwayo hose hariho amabati ayo mabati atemewe mu Rwanda. None ubu turashima Imana ko twabigezeho.N’ibindi dufatanyije bizagerwaho.

Kubijyanye n’ubutumwa bwiza, abapadiri muduha baritanga cyane, buri cyumweru haba misa ku masantarari yose n’inama ya cyiya. ubwo ni misa 4.

-Imiryangoremezo iyo yizihije umutagatifu bisunze bawusanga iwabo, abashyingirwa babasanga ku nama zabo. n’ubakeneye ayandi

masakaramentu bamugeraho vuba harimo gutabara abarwayi no gushyingirwa gi kristu

.-Basura ibigo by’ amashuri bakabiha Misa n’izindi mpanuro.

-Bita ku kigo nderabuzima ndetse n’amashami yacyo bigenzuwe neza. ubwitange bwabo butuma tubona Kibingo igenda igarura isura.

Nyiricyubahiro Musenyeri turabashima twishimye.Twishimiye ko mwadutoranirije NKURUNZIZA Thaddée ngo atugezeho inkurunziza. atubereye umuyobozi mukuru muri Paruwasi ya kibingo. Intama zanyu mwamushinze arazizi nazo zikamumenya. Azihamagara mu mazina yazo zikitaba kuko zimuzi.

Nyiricyubahiro musenyeri tubashimiye ko mwaduhaye abapadiri bafite ingufu n’ ubushake bwo gukenura ubushyo bya nyagasani. Tubashimiye gukomeza kuduha abihayimana baza kuba muri Paruwasi yacu badufasha; ababikira, abadiyakoni, abafaratiri bajya baza kuruhukira hano baradufasha cyane.

Nyiricyubahiro musenyeri, ibyo tubashimira ni byinshi mutugezaho bityo abakristu ba Kibingo twahisemo kubagenera impano y’ishusho y’ingoro kugira ngo nimujya muyireba mujye mwibuka Kibingo maze nyuma y’impeshyi muze kuyitangiramo Isakaramentu ry’ Ugukomezwa rya buri mwaka.”

Yasoje amuragiza Bikira Mariya Umubyeyi umara intimba abayifite, nabo mu bugeni bwiza cyane bamuha Kiliziya ya Paruwasi Kibingo ho urwibutso banamusaba kuyihoza ku mutima mu magorwa yayo yose!

Ku masaha y’umugoroba Umwepiskopi yasuye urugo rw’Ababikira ba Mutagatifu Théreza wa Carmel ba Paruwasi Kibingo.

Mu gitondo cyo kuwa 01/08/2016 Nyiricyubahiro Musenyeri yatuye Igitambo cy'Ukaristiya hamwe n'abakristu ba Paruwasi Kibingo saa 6h30' akomeza asura Ikigo Nderabuzima cya Kibingo n'abakozi bacyo!

Ni ku isaha ya saa 10h15'Umwepiskopi yasoje uruzinduko rwe muri Paruwasi ya Kibingo nyuma yo kuganira n'Abagize urugo rwayo: Abapadiri2, Umudiyakoni na Fratri, asabira uru rugo umugisha awuha n'abarugize, nabo baramuherekeza arataha!

Mu gusoza, dushimiye Umwepiskopi wacu uburyo akomeje ku twitaho adusura tukanasangira ku byiza by'iwacu!

Padiri NKURUNZIZA Thaddée Padiri mukuru wa Paruwasi Kibingo